REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 05 NOV 2013
N°20/.6816....DPGHIS/SWAP/2013

MINISTRY OF HEALTH
P.O. BOX 84 KIGALI
www.moh.gov.rw

Bwana/ Madamu Muyobozi w'Akarere (Bose)

Binyujijwe: Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

MUNYE[illegible]TAKA Vincent
S.P / P.S MINALOC

Impamvu: Kubohereza Ibitabo bibiri bikubiyemo ibyo twumvikanye mu rwego rwo kunoza imikoranire n'abaterankunga ndetse na raporo yerekeye isesengurwa kuri M&E

Bwana/ Madamu Muyobozi w'Akarere,

Nshingiye ku nama zitandukanye twagiye tugirana n'inzego zitandukanye zo mu Karere muyobora, nshimishijwe no kubohereza ku mugereka ibi bikurikira:

1. Igitabo gikubiyemo imirongo migari ngenderwaho (District SWAp Guidelines) yerekeranye n'uburyo Uturere twakorana n'abaterankunga (Non Government Organisation) nkuko twabyumvikanyeho n'Abayobozi Bungirije Bashinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage (Vice Mayor in Charge of Social Affairs) kugirango bitangire bishyirwe mu bikorwa nkuko byumvikanyweho muri Video Conference yabaye tari ya 16 Ukwakira 2013 hagati yanyu na Minisiteri y'Ubuzima yabereye muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

   Muby'Ukuri, ibitekerezo bikubiye muri iyi nyandiko byatanzwe n'Abatekinisiye bo Mu turere (Abanyamabanga Bahoraho ba JADF, Abaganga Bakuru b'Ibitaro by'Uturere, Abashinzwe Ubuzima mu Turere ndetse n'abashinzwe M&E) mu nama yabahuje n'abahagarariye Minisiteri y'Ubuzima ndetse n'abaterankunga baturutse hirya no hino mu Turere. Nyuma y'aho, ibyavuyemo byasobanuriwe Abayobozi Bungirije Bashinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Turere. Byaba byiza rero bitangiye gushyirwa mu bikorwa kugirango abaterankunga bagendere kuri gahunda z'Uturere.

2. Igitabo gikubiyemo raporo y' isesengurwa ku mikorere y' Abakozi bashinzwe ikurikirana ry' ibikorwa by'ubuzima mu Turere (M&E) ndetse inagaragaza uruhare rukomeye rwa M&E mu guteza imbere ubuzima, gufata ibyemezo bishingiye ku makuru n'imibare ifatika ahanini hifashishwa akazi gakorwa n'urwo rwego.

Ibitekerezo bigaragara muri iyi raporo byakusanyijwe n' inzobere zo muri kaminuza nkuru y'u Rwanda Ishami ry'ubuzima rusange, izo muri Minisiteri y'Ubuzima ndetse na BTC (Belgium Technical Cooperation) nk'abafatanya bikorwa mu by' Ubuzima, aho izi nzobere zasuye uturere dutandukanye bakaganira n'Abayobozi b'Uturere Bungirije bashinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Abanyamabanga Nshingwa bikorwa b'Uturere, Abashinzwe Ubuzima mu Turere, Abashinzwe Igenamigambi mu Turere, ndetse n'Abashinzwe M&E mu bitaro by'Uturere. Twabasabaga ko imyanzuro irimo yatangira gushyirwa mu bikorwa.

Tubashimiye Ubufatanye,

Mugire Amahoro.

Dr. Anita ASIIMWE
Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubuzima Rusange n'Ubuvuzi bw'Ibanze

Bimenyeshejwe:

- Madamu Minisitiri w'Ubuzima
- Bwana/Madamu Guverineri w' Intara (Bose)
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuzima